REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO
N'AMASHYIRAHAMWE
B.P.1044 KIGALI

DGJ

(Compte-rendu)

KIGALI, le 18 AVR. 1989

N° 1073 /15.00

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko
n'Amashyirahamwe
K I G A L I

Bwana Minisitiri,

Nejejwe no kuboherereza hamwe n'iyi baruwa inyandiko-mvugo y'Inama nayoboye mu kigo cy'Urubyiruko cy'i MAYANGE kw'itariki ya 20 Werurwe 1989.

KAYINAMURA Karoli

Umunyamabanga Mukuru

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

Bimenyeshejwe:

- Bwana Perefe wa Perefegitura
  K I G A L I
- Bwana Su-Perefe wa Su-Perefegitura ya KANAZI
  K I G A L I
- Umuyobozi Mukuru w'Urubyiruko muri MIJEUMA
  K I G A L I
- Umuyobozi w'Ikigo cy'Urubyiruko cy'i MAYANGE
  K I G A L I

Inyandiko-mvugo y'inama yateraniye mu kigo gihugura urubyiruko cy'i Mayange tariki 20/03/1989.-

Inama yatangiye saa tatu (9h00').

Abari bayirimo:

- Bwana KAYINAMURA Karoli, Umunyamabanga Mukuru muri Ministeri y'Urub iruko n'Amashyirahamwe, Umuyobozi w'Inama;
- Bwana RUZIGANA Michel, Suprefe wa Su-Prefegitura Kanazi;
- Bwana HAKIZIMANA Pretais, Umuyobozi muri Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ushinzwe kwigisha urubyiruko;
- Bwana KALINGANIRE François, Burugumestri wa Kômini Kanzenze;
- Bwana RUGENERA Aloys; Burugumestri wa Komini Ngenda;
- Bwana NTIVUNWA François, Burugumestri wa Komini Gashora;
- Bwana BAKUZAKUNDI Michel, Umuyobozi w'Umushinga B.G.M. Gashora
- Bwana KAYIGI François, Umuyobozi w'ikigo gihugura urubyiruko cy'i Mayange;
- Madame NIYOKINDI Agnès, Umukozi muri Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe;
- Bwana BAZATSINDA Emmanuel, Umuyobozi w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe muri Suprefegitura Kanazi;
- Iyo nama yari irimo kandi abajyanama ba Segiteri zihana imbibi n'Ikigo cy'i Mayange, Abayobozi b'urubyiruko n'amashyirahamwe mu makomini Gashora - Ngenda na Kanzenze, n'abakozi b'ikigo gihugura urubyiruko cy'i Mayange.

Umuyobozi w'Inama yayifunguye avuga ko bifuje kugirana inama mu ntangiriro z'uyu mwaka wahariwe amashyirahamwe kugirango baganire ku ntego y'uyu mwaka wa 89, gahunda yakubahirizwa kugirango iyo ntego ishyirwe mu bikorwa muri rusange na gahunda y'ikigo ku buryo bw'umwihariko. Yakomeje avuga ko baza no gusuzuma ibibazo ikigo gifitanye n'abaturage. Umuyobozi w'inama yahise aha ijambo umuyobozi w'ikigo cy'i Mayange kugirango asobanure imigendekere yacyo.

Umuyobozi w'icyo kigo yasobanuye muri make imibereho yacyo kuva cyashingwa muri 1969 kugeza ubu, akomeza avuga ibyo gikora:

- Ubworozi bwa kijyambere: ubu gifite inka 99;
- Kugura imyaka y'abaturage, kikayibasubiza ku giciro cyiza
- Gusya imyaka
- Ubuhinzi: bahinze amasaka yengwamo byeri ahantu hangana na Has 14. Bakwirakwiza iyo mbuto no ku baturage. BRALIRWA yemeye kubagurira toni 40 z'ayo masaka.
- Ubwubatsi n'ububaji
- Umushinga wo gukoresha ibimasa m'uguheka no guhinga
- Gusudira (soudure) no gucura.

.../...

Ibyo bateganya gukora:

- Gutunganya urwuri: baratangiye
- Kuvugurura ubworozi bw'inka. ISAR yemeye kubaha imfizi. B.G.M. nayo izabafasha mugutera intanga. Barashaka kugera ku nka 300
- Ubworozi bw'amatungo magufi: inkoko n'ihene.
- " bw'inkoko buzatangirana n'ukwezi kwa Mata 89 (n'ibyo kwitonderwa).
- Ubworozi bw'ingurube.
- Ubuhinzi bw'inyanya bya kijyambere. Imirimo y'ibanze igeze kure.
- " bw'ibishyimbo n'imyumbati.
- " bw'ubunyobwa ku buryo habonetse uruganda rw'amavuta nta ngorane rwagira.
- Kubyaza umusaruro w'amafi ikiyaga cya CYOHOHA Nord
- Kumenyekanisha ikigo ku buryo urubyiruko rwazamo ari rwinshi (sensibilisation), kandi ibitsina byombi. Kugeza ubu ikigo cy'i Mayange kigwamo n'abahungu gusa 58.

Ingorane z'ikigo:

Umuyobozi w'ikigo yavuze ko hashize ukwezi ashinzwe ubuyobozi bwacyo. Akaba yarasanze ikigo cy'i Mayange gifite ibibazo bitoroshye:

- Umusaruro w'ikigo wisasiwe na bamwe, uwo mutungo ukwiye kugaruzwa.
- Ikigo gifite amafranga - 687.125 - muri CER, ayo mafranga amazemo imyaka 5 nta nyungu. Ministeri ikwiye gusuzuma uburyo habikuzwaho amafranga makeya ikigo kikayakoresha n'andi asigaye akajya abarirwa inyungu !
- Imbibi z'isambu y'ikigo ntizigaragara neza, abantu batangiye kera kuzirengera.
- Ikigo gikeneye imodoka kugirango gishobore kugemura imyaka no gushaka isoko ry'umusaruro wacyo. Bityo kikava no mu bwigunge.
- Abakozi bahari ubushobozi bwabo ntibuhagije

N'ubwo izo ngorane zose ziriho, Umuyobozi w'ikigo yasobanuye ko mu kwezi kumwe ahamaze bashoboye kwinjiza amafranga -364.348-. Bagasohora -351.616-FRW. Yaboneyeho kongera gushimira umubyeyi w'Igihugu inkunga y'amafranga -300.000- yabahaye.

Inkunga ikenewe:

Hakenewe inkunga y'abakozi n'amafranga yo gukoresha. Ministeri yakora uko ishoboye ikabafasha kubona umwenda mu ma banki (crédit). Umuyobozi w'ikigo yavuze ko azabagezaho mu nyandiko mbere y'ibyumweru bibiri inkunga akeneye.

Intego y'umwaka wa 1989:

Umunyamabanga Mukuru muri Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe yasobanuye ko muri uyu mwaka Prezida wa Republika

.../...

yasabye gushyigikira amashyirahamwe. Ati hari abibeshya ko iyo ntego ishinzwe gusa Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe. Iyo ntengo ireba buri wese. Iyo Ministeri ishinzwe "encadrement", inama no kuba umusemburo.

Ishyirahamwe ni ugufashanya. Abantu barishyiraho kubera ko ku giti cye, umuntu atashoboye kwibonera igisubizo ku kibazo iki n'iki, akitabaza bagenzi be, bagafashanya, bakarema ishyirahamwe.

Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe yatangiye kureba ukuntu yafasha ayo mashyirahamwe. Ariko kugirango ishobore kuyafasha nuko yamenyekana, uko ateye, icyo agamije n'icyo akeneye, n'ingorane afite.

Duteganya gukora" monographie" y'amashyirahamwe yo mu Rwanda mu rwego rwa Prefegitura cyangwa Suprefegitura. Bityo imikorere yayo ikamenyekana, inzitizi zavuka zigashakirwa umuti, hakiri kare. Amashyirahamwe ubwayo nayo akamenyana agashobora guhahirana.

Birumvikana ko Ministeri itashobora kubona inkunga ihagije yo gufasha amashyirahamwe yose. Nayo igomba kwifashisha abagiraneza bo hanze.

Abo bagiraneza rero barahari kandi babifitiye ubushobozi, igikenewe gusa ni ukwerekana imishinga dufite. Ministeri ifite ukuntu ikorana na ONG (organismes non gouvernementaux) nayo yifuza uko yadufasha ariko imishinga ntigaragazwe.

Amabanki nayo mu gihugu cyacu arahari menshi, ashobora kuguriza amashyirahamwe ku gikorwa iki n'iki bashaka kugeraho.

Hari Projet " MICROREALISATION" ifasha umuntu uyigejejeho umushinga ikaba yamubonera "financement".

Umuyobozi w'inama yakomeje asaba abayirimo kumufasha kugirango hakorwe programme nyayo ijyana na " Plan de développement" y'imyaka 5. Ibishobotse tukabitangira, ibidashobotse tukihatira kubikora mu mezi ari imbere.

Nanone mu rwego rw'intego y'uyu mwaka, Umunyamabanga Mukuru yasabye umuyobozi w'ikigo gihugura urubyiruko cy'i Mayange kwita kuri ibi bikurikira:

- Kuba intanga-rugero mu baturage ndetse no mu bindi bigo mu kubahiriza intego y'uyu mwaka wa 89.
- Gukorana n'abategetsi b'akarere. Mu gihe nta bufatanye buri hagati y'ubutegetsi n'ikigo ntagishobora gutungana.
- Kwisunga imishinga y'ubuhinzi n'ubworozi iri mu karere ke, nk'umushinga BGM cyangwa ikigo cy'ubushakashatsi cya Karama. Aha umunyamabanga Mukuru yatanze urugero ko nko mu gihe ikigo kidafite muganga w'inka cyakwitabaza abakozi ba BGM,

.../...

cyangwa mu gihe bakeneye imbuto z'indobanure, umushinga wabibafashamo ukazibagurisha ku giciro cyiza cyangwa ukazibaguriza.

Mubyakomeje kudindiza iki kigo, no guhindagura cyane abayobozi bacyo birimo. Umunyamabanga Mukuru yijeje ko bikunze bitazongera. Yasabye umuyobozi w'ikigo gukora vuba programu y'uyu mwaka akayikora yifashishije abategetsi b'akarere akoramo n'ibyemezo byafashwe mu nama yo kuwa 11/11/1985 yayobowe na Ministri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe bigashyirwa mu bikorwa.

Umuyobozi ushinzwe kwigisha urubyiruko muri Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe yafashe ijambo agira ati:

- Programu yo kwigisha urubyiruko ni politiki Ministeri ishinzwe. Bikaba n'ubutumwa iyo Ministeri yahawe ishyirwaho. Iyo politiki yashyizweho ishingiye ku bibazo urubyiruko rufite.

Ikibazo gikomeye cyane cyane ni ikibazo cy'umurimo. Duhereye ku ibarura rusange ryabaye muri 1978, urubyiruko nirwo rwinshi, rugize 60% by'abaturage bose. Muri urwo rubyiruko, urwabashije kwiga ni 60%. Umunani ku ijana (8%), rushobora kujya mu mashuri yisumbuye.

Ikibazo rero gikomeye kiri ku bana batashoboye kwiga no kubavamo batarangije amashuri matoya. Kiri nanone ku bana barangiza uwa munani kuko urebye nta mwuga baba bazi. Abo bana bose bakeneye kubaho. Bikaba bigoye kubaho nta mwuga bazi wabarwanaho, nta n'aho bashobora guhinga kuko ubutaka bwashize.

Ubutegetsi buti ni ukureba ukuntu abo bana bakwitabwaho. Hirya no hino hashyirwaho ibigo byigisha urubyiruko imyuga. Ibyo bigo ahanini bishyirwaho na Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe ~~ubundi~~ ikifashisha abagiraneza na Komini. Muri 1985 Ministeri ireba akamaro k'ibyo bigo ugereranije n'urubyiruko ruriho (évaluation) isanga harimo ingorane:

- Ibigo byose byarashoboye kwigisha abana 6.000 gusa ku rubyiruko ± 1.500.000 rudafite uko rumeze.
- Programe yose ari imwe cyane cyane kubaka no kubaza, umuntu akaba yakwibaza ati ese abo bantu bose bazabona icyo bakora ! Bazubakira bande ?.....

Hashyirwaho programu nshya ishobora kugera ku rubyiruko rwinshi.

- <u>Icyiciro cya mbere</u>: Abana batazi gusoma no kwandika (analphabètes) bagahabwa inyigisho z'ibanze. Abayobozi b'urubyiruko bagakora gahunda yo gushyikiriza bene abo bana za IGA. (Formation de base).

- Hakaza ikindi twakwita "Formation - Information".
  Abana bari iwabo mu mashyirahamwe, abarangije amashuri bakoresha imyuga yabo, abayobozi b'urubyiruko..... abo bose bakenera kongera guhugurwa kuko hari ibibarenga: modèle nshya, ibyahindutse......
  Ibyo bikanatuma kandi umuntu amenya neza umwuga yize.

- Mu kwigisha urubyiruko umwuga uyu n'uyu, tukareba niba uwo mwuga ukenewe aho hantu batuye, niba kandi abazawiga bazabona akazi atari ukuwicarana gusa.

- Kureba ukuntu ibigo byose bitatanga imyuga imwe.
  Kugereranya icyiciro cyo kwigisha umwuga uyu n'uyu, niba umubare w'abarangije uzabona akazi, baba benshi hakigishwa ibindi bikenewe.

Umuyobozi wa Suprefegitura Kanazi, Suprefe Michel RUZIGANA nawe yatanze igitekerezo kubyerekeye imigendekere y'ikigo n'uko yifuza ko cyakora.

Imirimo y'ibanze iki kigo gishinzwe iragaragara ni uguhugura no kwigisha urubyiruko. Iyi mirimo iki kigo kimaze igihe kiyikora. Uburyo mbibona hakwiye gusuzumwa ibyakozwe kugeza iki gihe (évaluation - autocritique); tukareba niba Gahunda yatanzwe yarubahirijwe, niba kandi iyo gahunda ihuje n'ibyo aka karere gakeneye, kifuza cyangwa se inyigisho zitangwa zimaze kurenza iby'ibanze aka karere kari gakeneye, byose bikamenyekana kugirango gahunda nshya yategurwa ishingire koko ku byaba bikenewe.

Mu nyandiko-mvugo y'inama yo kuwa 11/11/85 hifujwe ko iki kigo cyakwibanda ku nyigisho z'ubuhinzi n'ubworozi. Urebye nta "suivie -évaluation" byakozwe. Mbere rero yo gushyiraho indi gahunda nshya hakwiye gukorwa "évaluation" inzego z'ubutegetsi n'iz'imirimo zifitanye isano n'iki kigo zihari zigafatanya. Zigasuzumira hamwe ingorane zabayeho, n'uko bazirinda muri gahunda nshya.

Ibigo byinshi nk'iki bikunze kubura abana babiyoboka, kubera ko urubyiruko rubisohokamo rutabera urumuri abasigaye. Ababyeyi nabo babona ntacyahindutse ku myifatire n'imicungire y'abana barangije muri ibyo bigo, ntibashishikarire koherezamo abandi. Impamvu ituma ibyo bigo badakunda kubyitabira ikwiye gusuzumwa bakareba niba idaturuka ku bigisha (ubushobozi n'ubwitange ku kazi byabo), ku myigishirize, programu itanogeye, cyangwa ku nyigisho zidafitiye akamaro kanini abana. Urubyiruko rukabona ari nko guta igihe.

Imyifatire y'urubyiruko ku mirenge nayo ikwiye kwitabwaho. Urubyiruko muri rusange ntirushishikariye imirimo y'amaboko.

.../...

Ururangije CERAI cyangwa se mu bindi bigo bihugura urubyiruko iyo rugeze iwabo rwumva rurenze abandi, rudashobora guhinga, ngo rushyire mu bikorwa ibyo rwize. Abatabonye imirimo yo guhinga mu mashyirahamwe, bakumva ko batakora mu masambu yabo. Urundi rukumva ko rutabonye akazi k'amafranga mu migi nta kindi rwakora.

Ku mikorere y'iki kigo n'abaturage bahana imbibi usanga bakirengera, bagihingamo cyangwa biciramo amakara. Ibyo byose ahanini usanga aruko abaturage babona ntacyo iryo shyamba rikoreshwa, nta gikorwa kigaragara iki kigo kiribyaza. Isambu y'ikigo ikaba iraho gusa igice kinini ntacyo gikorerwamo ahubwo ugasanga abakozi bamwe aribo bayatisha ubwabo aho guhingwa n'ikigo. Ziriya nzuri rero zikwiye kwitabwaho, zigatunganywa, ubuhinzi n'ubworozi bukumvikanishwa mu baturage kandi bikababera urugero mubyo tubasaba gukora.

- Twasabye ikaragiro ry'amata muri Suprefegitura Kanazi nko muri Gashora hari inzuri nyinshi harimo urwuri rw'ikigo. Bizatuma abahinzi-borozi barushaho kwitabira umurimo wabo. Umushinga wa BGM ukareba uburyo wakwirakwiza inka zikamwa mu baturage bityo iryo karagiro rikababera umusemburo wo kongera umusaruro wabo.

Kwigabiza isambu y'ikigo, abakozi bacyo nabo bagiye bagiramo uruhare, bayihinga ku giti cyabo, bayata, bemerera abaturage kuragiramo inka zabo cyangwa gucamo amakara. Aha umuyobozi w'ikigo yasobanuye ko yahagaritse abantu bigabije iyo sambu bakaba barasabwe gusarura imyaka bahinze bakavamo.

Ku kibazo cy'uburobyi mu kiyaga "CYOHOHA NORD" kirakomeye. BGM iriga uburyo uburobyi bwakorwa mu nzira iboneye bikagirira akamaro, ari abakozi, ari abaturage, ari n'abishyize hamwe ndetse n'amakomini afite ibyo biyaga akabibonaho umusaruro.

Ku mibanire y'iki kigo n'ubutegetsi, iki kigo ni akarwa kari hagati y'amakomini atatu: Gashora, Ngenda na Kanzenze. Ubuyobozi bwako bugasa n'ubukorera mu bwiru. Ari muri Komini, ari muri Suprefegitura ntibamenyeshwe imikorere n'ibibazo by'ikigo. Byaba byiza ubuyobozi bw'ikigo bugiye bumenyesha ubutegetsi za raporo z'ibyo bakora kandi ibibazo birebana n'imibereho yacyo bagafatanya kubishakira umuti.

Suprefe yifuje ko habaho umusabano w'akazi hagati y'iki kigo n'ubutegetsi gikoreramo (Komini na Suprefegitura).

Iki kigo kikaba nk'andi ma "services" akorera muri aka karere. Raporo zikorwa tukazibonera kopi, inzandiko zoherezwa zigacishwa (sous le couvert) ku rwego rw'ubutegetsi (Komini Gashora) cyangwa se bukazimenyeshwa kugirango nabwo bubone uko bukurikira imibereho n'imicungire y'ikigo ntikorwe mu bwiru bushobora kukiviramo kudindizwa no kutagenzurirwa hafi.

.../...

Ku bibazo rusange birebana n'intego y'uyu mwaka, twatangiye gukora ibarura ry'amashyirahamwe, uko ateye, uko akora n'ingorane afite kugirango dushobore kuyakurikirana (suivie).

Turateganya mu mpera z'uku kwezi, tubifashijwemo n'ikigo "IWACU", gusura amashyirahamwe yo muri Gisenyi na Ruhengeri. Hazagenda abahagarariye amashyirahamwe 20. Bazareba uburyo andi mashyirahamwe akora n'ukuntu bahahirana. Muri ayo mashyirahamwe twatoranijemo atatu y'uburobyi (Gaharwa, Gashora na Kirimbi) kugirango barebe uko ahandi bakora kuko usanga ubucuruzi bw'amafi bugenda nabi mur'aka karere.

Turateganya kandi inama ku rwego rwa Suprefegitura y'aba Burugumestri n'abayobozi b'amashyirahamwe kugirango turebe ibyemezo byakurikizwa mu gihembwe cya kabiri mu rwego rwo kubahiriza intego y'uyu mwaka wa 1989.

Burugumestri wa Komini Kanzenze yifuje ko umushinga w'ibimasa bikurura kandi bikanahinga warushaho kwitabwaho bigakwirakwizwa hose bahereye ku masegiteri yegeranye n'ikigo.
Abari mu nama basabye ko habanza kubaho " séance de démonstration" kugirango abantu basobanukirwe n'akamaro k'imikorere y'ibyo bimasa.
Burugumestri yifuje ko n'umwuga w'ubucuzi ukorwa mur'icyo kigo nawo wakwitabwaho ukagaragaza ibyo umaze kugeraho. Yakomeje asobanura ibyerekeye isambu y'ikigo umuyobozi wacyo yanditse avuga ko n'ubutegetsi bubarengera. Ahantu Komini Kanzenze yateye ishyamba ku munsi w'igiti byari ukubahiriza icyifuzo cya Ministri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe cyo gutera ibiti muri 50 m (ceinture) kugirango abaturage boye gukomeza gusatira isambu y'ikigo bari batangiye kwigabiza.
Ministri yemereye abaturage gukomeza guhinga aho bari bihaye ariko kugeza muri 50 m gusa. Munsi y'izo metero hashinzwe imiyenzi, Komini ifatanije n'ubuyobozi bw'ikigo. Nyuma y'ishyirwaho ry'imiyenzi Komini iteza umurongo w'ibiti bya grevillea impushya eshatu. Indi myaka ihinze muri iyo sambu si iya Komini, ahubwo n'iy'abakozi bamwe bakora mu kigo.

Mbere yo kujya gusuzuma imbibi z'isambu y'ikigo inama yafashe ibyemezo n'ibyifuzo bikurikira:

- Inyigisho zitangwa mu kigo zigomba gushyirwaho babanje kureba igikenewe;
- Urubyiruko rurangije mu kigo rukwiye gukurikiranwa mu gushyira mu bikorwa ibyo rwize ntirutereranwe.
- Urubyiruko rugomba kumvishwa ko bataruhugurira akazi, ko rushobora kwikorera ubwarwo. Ntabwo akazi kazahora kaboneka. Buri muntu wese agomba kwiyumvisha ko agomba kwishakira akazi aho ari.
- Abayobozi b'ibigo bagomba gukorana n'inzego z'ubutegetsi barimo kugirango akazi karusheho gutungana.

.../...

-Imicungire (Gestion) y'umutungo w'ikigo iri mu maboko ya Ministeri. Ariko iyo micungire igomba kumenyekana no mu nzego z'ubutegetsi ikigo kirimo. Nibyiza ko habaho "Comité de gestion" y'ikigo muri yo n'abategetsi b'akarere babamo.

-Imbibi z'ikigo zigomba kumenyekana. Umushinga wa BGM usabwe kohereza aba "Topographes" bakagaragaza imbibi nyazo ku buryo bwihutirwa.

-Abajenesi (jeunesse) batuye bemerewe 2 has gusa, amasambu yabo nabo agomba gushyirwaho imbibi, abarengereye bagasubiza aho barengereye. Abahawe amasambu ntibayahinge, Diregiteri akabakoraho raporo, y'umwihariko (spécial) nayo akaba yasubizwa ikigo.

-Gutanga amasambu mu mbago z'isambu y'ikigo bivuyeho kereka abo Ministeri yayahaye kugera mu 1984.

-Ibyerekeye umushinga w'ibimasa bikurura, Ministeri izawushakira amafranga ariko ugomba kugaragaza icyo umaze kugeraho kuva watangira.

-Ibyo kwatira isambu y'ikigo abakozi bagikoramo kimwe n'abaturage bivuyeho.

-Kugirango ikigo kirusheho kuyobokwa, bakwiye kubikangurira (sensibilisation) abaturage b'amakomini ya Su-Prefegitura.

Abari mu nama bagiye gusuzuma imbibi z'isambu y'ikigo basanga ku mpande zimwe haragiye harengerwa ahandi batirwa ku buryo buzwi n'ubutazwi bafata ibyemezo bikurikira:

- Imiyenzi yerekana aho Ministri yatiye abaturage hamwe iri muri 30m ahandi muri 50m. Urwandiko Ministri yanditse ahabatiza ntirwabonetse kugirango bamenye metero z'ukuri yabatije. N'ubwo kandi iyo miyenzi ihari, ntibibuza abaturage gukomeza kuyisatira no kuyirenga. Abari mu nama bifuje ko kugirango ikibazo kirangire abaturage boye gukomeza kurengera, izo metero zakwegurirwa Komini ikaziteramo ishyamba nkuko yabitangiye imbere y'imiyenzi(imirongo 3). Abahahinga bakavamo burundu. Biramutse byemejwe ko aho hantu abaturage bahagumana bahabwa metero zingana -50m-

- Ku ruhande rwegereye santere y'i Mayange, abaturage 2 bahahinze Komini izabakuremo naho ihatere ibiti kuri m 50 nkuko yabigenje ahandi.

- Uwo murongo w'ibiti Komini Gashora izawutere no ku ruhande rwo muri Segiteri Mbyo ahakurikiranye n'umuhanda.

- Hari ishyirahamwe ryatijwe ku isambu y'ikigo, aho naho hagomba kugaragazwa ku ikarita y'ikigo, kandi hakabaho amasezerano (contrat) hagati y'ikigo n'iryo shyirahamwe.

.../...

- Komini nayo izagirana inyandiko yerekeye aho yatijwe gutera ibiti (ceinture de protection) umukaba w'ishyamba wa m50 uzitira abaturage gukomeza gusatira ishyamba rya CFJ-MAYANGE.

- Kugirango iki cyemezo gishyirwe mu bikorwa; Umushinga wa BGM usabwe gutegura ingemwe za grevillea zihagije zizaterwa ku munsi w'igiti. Komini Kanzenze na Gashora zisabwe gutegura umunsi w'igiti akaba ariho uzakorwa; ikigo kikazirwanaho gutera imirongo itatu z'ibiti ku mbibi z'isambu zacyo ahasigaye hatari ku muhanda.

Bikorewe i Mayange kuwa 20/03/1989

Umuyobozi w'Inama:
Mr KAYINAMURA Charles
Umunyamabanga Mukuru muri Ministeri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe.

Umwanditsi w'Inama:
MUTIMURA Jean
Umukozi wa Su-Prefegitura KANAZI